**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**UBUTEGETSI BW'UBUCAMANZA**

# IJAMBO RYA NYAKUBAHWA PEREZIDA W'URUKIKO RW'IKIRENGA AKABA NA PEREZIDA W'INAMA NKURU Y'UBUCAMANZA

**Dr. NTEZILYAYO Faustin**

**GUTANGIZA KOMITE YO KURWANYA RUSWA MU NKIKO**

*Kigali, ku wa 28 Mata 2022*

- ***Nyakubahwa Visi Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga***
- ***Nyakubahwa Muvunyi Mukuru***
- ***Nyakubahwa Umushinjacyaha Mukuru***
- ***Ba Nyakubahwa Bayobozi mwese muteraniye aha***

Nagira ngo ntangire mbashimira ko mwitabiriye iyi nama igamije gutangiza ku mugaragaro Komite Ishinzwe Kurwanya Ruswa mu Nkiko. Ndashimira kandi Perezida w'Urukiko rw'Ubujurire watanze ikiganiro ku ngingo yo kumenya imyitwarire ikwiye kuranga abakozi b'Inkiko; na Justice Hitiyaremye Alphonse, Umucamanza mu Rukiko rw'Ikirenga, watanze ikiganiro ku miterere n'inshingano za komite zishinzwe kurwanya ruswa.

Aho ari ho hose ku isi, ruswa ni kimwe mu bibangamira amahoro, umutekano n'iterambere rirambye, demokarasi n'uburenganzira bwa muntu, ikaburizamo kandi icyizere abaturage bagirira inzego z'igihugu. Ibuza kandi abahohotewe n'abaregwa uburenganzira bw'ibanze nko kubuzwa uburenganzira ku rubanza rutabogamye (*fair trial*).

Kubera izi ngaruka za ruswa tuvuze muri make, byatumye Leta y'u Rwanda ifata ingamba zo kuyirwanya muri rusange kandi n'Urwego rw'Ubucamanza ntirwasigaye inyuma muri uru rugamba dore ko kurwanya ruswa mu nzego z'ubutabera bigomba kugira umwihariko.

Koko rero, ruswa mu nzego z'ubutabera, cyane cyane mu Rwego rw'Ubucamanza ishobora guha icyuho ruswa mu zindi nzego z'ubutegetsi no mu rwego rw'abikorera ku giti cyayo, kuko hatabaho ubushake bwo guhana abayikurikiranyweho kandi abakabikoze na bo barangwa na yo. Ni yo mpamvu Urwego rw'Ubucamanza bukora neza nta kubogama ari urufunguzo rw'ingamba zose zo kurwanya ruswa. Ni ngombwa ko ingamba zose zafashwe zo kurwanya ruswa zitabangamirwa n'imikorere y'inkiko zaba zidafite umwete wo kuburanisha no gutanga ibihano bikwiye ku bantu bagaragaraho ruswa.

Mu rwego rero rwo kurwanya ruswa mu Rwego rw'Ubucamanza hagiye hafatwa ingamba zitandukanye, aha twavuga:

- ✓ Gukoresha ikoranabuhanga mu mitangire ya serivisi z'ubucamanza, ibi bikaba byarafashije mu kuziba icyuho hagabanywa uguhura kw'ababuranyi n'abakozi b'inkiko no koroshya ikurikiranabikorwa;
- ✓ Icyumweru ngarukamwaka cyahariwe kurwanya ruswa mu rwego rwo guhora twibukiranya ku bubi bwayo no gukaza ingamba zo kuyirwanya;
- ✓ Umurongo utishyurwa wo kumenyesherezaho akarengane kugira ngo habeho gutangira amakuru ku gihe hanagenzurwa niba nta ruswa ibyihishe inyuma;
- ✓ Urwego rw'Ubugenzuzi bw'Inkiko bukurikirana buri munsi imikorere y'Inkiko harimo n'imyitwarire y'abakozi ndetse n'ubudekemwa bw'imicire y'imanza. By'umwihariko, hariho Umugenzuzi w'Inkiko ufite inshingano zo gukurikirana ingamba zo kurwanya ruswa;
- ✓ Gukurikiza imirongo yatanzwe n'inkiko nkuru mu manza (precedents). Ibi bikaba bifasha ababuranyi kumenyera kubanza kumenya ibyemezo inkiko zafashe ku bibazo bisa nk'ibyabo mbere y'uko baregera inkiko ndetse n'iyo baregeye inkiko bakaba bazi umwanzuro ugomba gufatwa (predictability).

Kuri izi ngamba zose hiyongeraho gushyiraho Komite yo Kurwanya Ruswa mu Rwego rw'Ubucamanza ifite amashami muri buri rukiko. N'ubwo atari ubwa mbere izi komite zibayeho, ariko hari ibyaburaga kugira ngo zigere ku ntego zazo, ari yo mpamvu hashyizweho inshya zifite imiterere (*structure*), amabwiriza azigenga n'abazishinzwe.

Izi ngamba zose zigamije kongera ubudakemwa (*integrity*) bw'Urwego rw'Ubucamanza mu kurangiza neza inshingano zarwo, ibyo kandi bikaba bigenzurwa buri gihe n'Inama Nkuru y'Ubucamanza nk'uko bigaragarira mu byemezo bitandukanye ifata, bigomba gukorwa ku buryo bituma abaturage bakomeza kugirira icyizere urwo rwego, kuko bitashoboka ko wavuga ko wageze ku kigero cyiza cyo kurwanya ruswa mu Rwego rw'Ubucamanza igihe ababuranyi n'abaturage muri rusange babona ibikorwa bitandukanye n'ibivugwa.

Ni ngombwa rero kunoza ubudakemwa, ubunyangamugabo, umurava n'ubunyamwuga bituma abaturage bongera icyizere mu Rwego rw'Ubucamanza, kuko urwo rwego nta kintu rwaba rugishingeho igihe hatakiri icyizere ko ari ngombwa kugana inkiko n'izindi nzego z'ubutabera kugira ngo uburenganzira bw'abaturage bwubahirizwe, bigatuma baca ukubiri n'umuco mubi wo kwihanira cyangwa gushaka ubundi buryo butemewe n'amategeko bavuga ko bwabakemurira ibibazo bijyanye n'ihungabanywa ry'uburenganzira bwabo.

*Let's not spare any effort and not compromise on the fight against corruption in the Judiciary and in other sectors. As we all know, fighting corruption is a multifaceted and complicated process requiring synergy among all sectors. It is especially important that all sectors of society recognize and assume their responsibilities toward preventing and fighting corruption since, as demonstrated by different studies, including those carried out by Transparency International Rwanda, corruption affects all sectors of our society.*

Nagira ngo aha nshimire inzego zigize Urunana rw'Ubutabera ndetse n'abafatanyabikorwa muri rusange ku mikoranire n'ubufatanye zidahwema kutugaragariza mu rugamba rwo kurwanya ruswa mu nzego z'ubutabera muri rusange no mu Rwego rw'Ubucamanza by'umwihariko, nkaba mbasaba ko twakomeza muri uwo mujyo.

Nongeye kubashimira mwese ko mwitabiriye iki gikorwa cyo gutangiza ku mugaragaro imirimo y'iyi Komite yo Kurwanya Ruswa mu Rwego rw'Ubucamanza. Nizera ko iyi Komite izakora neza kandi Ubuyobozi Bukuru buzakomeza kuyiba hafi mu kwita ku bibazo izagenda igaragaza kugira ngo irusheho gutanga umusaruro yitezweho. Buri wese rero mu bayigize akwiye kugira izo nshingano ize akazikora atiganda cyangwa se ngo ahishire amakuru ayo ari yo yose kuri ruswa kugira ngo dukomeze inzira yo guca ruswa y'uburyo bwose mu nkiko.

Mureke twese dukomeze ubufutanye muri uru rugamba rwo gutuma Igihugu cyacu gikomeza gutera intambwe iboneye mu guhashya ruswa, nk'imwe mu ngamba zo guhamya amahoro, umutekano n'iterambere twese twifuza.

Murakoze, mugire amahoro.